

AGASEKE: UBUZIMA NTA KIGUZI


Impanvu nuko ubuzima na kiguzi utanga ngo ububone



IGURISHWA RY' ABANTU: BYARINDWA BINYUZE MU KWIGISHWA

(Koresha utumenyetso turi ku gaseke kugira ngo umenye uko ibishushanyo bikurikirana.)


1 ← → Ni akahe agaciro ku ubuzima bw' Ubuntu?



- Aba bantu bahagarariye abantu bose kwu isi. Bambaye bitandukanye, babaho mu buzima butandukanye ndetse bafite ni imico itandukanye.
- Bose bafite agaciro(erekana umwe mu bagore). "Iyo se w' uyu mugore yaba agiye gupfa,yakora iki ngo amukize?" cyangwa se "Iyo mukuru w' uyu mugabo aba ari mu kaga uriya mugabo yajyaga gukora iki ngo akize mukuru we?"
- Buri wese muri bano bantu yakora icyo ashoboye cyangwa yatanga ibyo afite byose ngo akize uwo akunda kuko ubuzima bw' abantu bose ari nta kiguzi wabona gihwanije agaciro n'ubuzima bw' umuntu.

Ikindi kintu twese dufite dusangiye ,nuko twese dukora dushaka kubona ibintu bimwe.


2 ← → Ni iki twese twifuza mu buzima?



- Iterambere:
(erekana Amafaranga) "ese wakwishimira gutunga Amafaranga menshi kurusha ayo ufite? Wayakoresha iki se mugihe uyabonye?" Ushobora kuyakoresha ugura ibintu ushaka cyangwa ukeneye nk' imyenda, telephone nshya, cyangwa kuyishyuramo nk' Amafaranga yishuri.
- Uburezi cyangwa ubumenyi:
(erekana ibitabo n' umwana) "ni kuki uburezi ari ngombwa?" twifuza ko abana bacu biga cyane kugira ngo bazagire ubuzima bwiza cyangwa imibereho myiza ejo habo hazaza, bazagire akazi keza hanyuma babone amafaranga menshi.
- Uburinganire:
Turakora cyane kugira ngo tugire ubumenyi n' uburezi bwiza hanyuma tubone Amafaranga menshi kubera ko tutitaye abo turibo cyangwa aho tuba **(erekana abo bantu batatu bari hagati)**, twese twifuza ko turushye kandi tweshywe.

Izi "E" eshatu nizo zibanze kugira ngo twinjire mubusobanuro bwimbitse.

3 ← → Ni bande bantu twubaha?



- Abayobozi b' amatorero:
Aba twizerako batwigisha uburyo twabana mu mahoro n' ubusabane ni Imana.
- Abagabo bacu cyangwa inshuti zacu ariko zabagabo:
Kuko batwerekaga urukundo mu buryo bw' amarangamutima ndetse n' ubushobozi mu buryo bw' Amafaranga.
- Umuryango n' inshuti:
Ababyeyi, nabo dufitanye amasano, hamwe n' abaturanyi badufasha kutwitaho tukiri bato.
- Abacuruzi b' abatunzi:
Aba baba bafite Amafaranga, icyubahiro ndetse bavugaga rikijana, ari nabyo bimwe mu bintu tuba twifuza mu buzima.

4

Ese ni kuki aba bana bagenda, kandi barajya he?



- Umugabo w' umucuruzi w' umukire yahaye umuryango wabo Amafaranga kandi anizeza umuryango we ko atwaye umwana wabo hanze mu kindi gihugu kugira ngo atangire gukina imikino imwe n' imwe cyangwa ko agiye kumushakira akazi (**erekana umuryango ugusezera ku mwana**). Uwo mugabo nanone yijeje umuryango ko azagya abo hereza Amafaranga buri kwezi.
- Abayobozi b' itorero bemereye umuryango w' umwana gutwara umwana mu muji kugira ngo ajye kwiga (**erekana umuryango ubabaye hejuru munguni y' iburyo**). Umuryango ubabajwe no kubona umwana wabo agenda, gusa nanone bashimishijwe no kumva ko agiye kwitabwaho kandi akabona uburyo bwokwiga amashuri kandi aribyo bifuzaga.
- Nyirasenge /Nyina wabo w' uyu mukobwa yemereye uyu mukobwa ko agiye kumushakira akazi ku ishuti ye muri resitora mu muji (**erekana umukobwa areba hanze mu idirishya ryi imodoka**). Yamusezeranije ko azabona Amafaranga menshi ko kandi n' akazi kazaba kamushimishije.
- Aba bantu bose bahisemo kwemera koherereza abana babo cyangwa bo ubwabo bemeye kugenda kuko bijejwe ibintu byiza na bantu bizeye (**erekana umwana watwawe ku gahato**). Ariko nta uzi aho yaba agiye.

Iyi miryango yibwira ko yakozze amahitamo meza. Batekereza ko aho abana babo bajya ariho heza kurusha iwabo ahobabaga, hari ni gihe bibwiraga ko ari nta bundi buryo bwari buhari.

5

Ukuri ni ukuhe? Ikiyoma ni ikihe?



- Abagabo bakorana na bagore babo kugirango bubake ingo nziza, ntiba bahemukira cyangwa ngo bagirire nabi abagore babo. Aba bagabo aba ari abagabo beza. Iyo umugabo ahata umugore we kuryamana n' undi mugabo kugira ngo ahabwe Amafaranga cyangwa ibindi yifuzaba Atari umugabo mwiza.
- Abayobozi b' Abamadini bavuye ahantu hatandukanye bakaza kugusura iwanyu mu rugo, bashobora kuza bakabana namwe, bakavuga ururimi rwanyu, ndetse bakakwigisha kubaha Imana, abo aba ari abantu beza. Gusa rimwe na rimwe baza biyita abayobozi b' Amadini ariko batazi Imana. Iyo abayobozi b' amadini bifuzaba kuguha Amafaranga hanyuma bagatwara abana bawe kandi bakabakure yawe, abo nabo kwitondera mugashishoza niba imbabazi cyagwa imbuhwe Atari zabibehe.
- Abacuruzi cyangwa abatunzi bashobora kuza aho mutuye bakabubakira amashuri cyangwa bakabaha ibigo nderabuzima, bakabafasha kubona amazi meza, aba aba ari abantu beza. Iyo ariko aba bantu bakwifuzaba kuguha Amafaranga bagatwara abana bawebakava iwawe bashobora kuba baba batari beza nukugira ubweje ugashishoza.
- Abaturanyi, abavandimwe, n' abandi bo mu miryango migari bafasha abakobwa babo kubona uburezi n' akazi keza, baba ari abagore beza. Ariko iyo umugore niyo yaba ari inshuti cyagwa umuvandimwe yifuzaba gushakira umwana wawe akazi cyangwa amashuri mu kindi gihugu, cyagwa kure yawe iyo yemeye kumwishyurira itike ariko akifuzaba kugumana ibyangobwa by' umwana wawe ashobora kuba Atari umuntu wo kwizerwa.

6

Ese aba bana baba barihe ubu?




- Abantu twari dukwiye kwizera baratubeshye. Imiryango yizeye ikinyoma none ubu abana barakoreshe imirimo y' uburetwa n' abagabo babi(**erekana amaboko aziritswe ku ruhande rwo hasi iburyo**). Ubu baraziritswe nta buryo bafite bwo gucika.
- (**erekana abana bari hagati iburyo n' ibumoso**) abana benshi bahatwa imirimo y' agahato nko guhinga mu mirima guhonda ambuye cyangwa kuroba. Barakora guhera mugitondo izuba rirashe kugeza ninjoro mu gicuku, kandi ntibahabwe ibiryo bihagije, amazi ndetse nukuruhuka bihagije. Barakubitwa cyane ndetse bakanicwa mu gihe bafashwe bakina, cyangwa baruhutseho.
- (**erekana uburiri budashashe n' umwana uryamye hasi**) abana benshi bahatw gukora ninjoro, abagabo bakabafata ku ngufu ,Bakoreshe imibonano mpuza bitsina kugahato , inshuro nyinshi buri joro.
- (**erekana umukobwa uri hejuru**) uyu mukobwa ahora afungiranwe mu kazu gato ahatwa kunywa ibiyobyabwenge kugira ngo atabona imbaraga zo kurwanya ibyo bifuzza kumukorera. Azageraho yumve ko uburyo bwo kugira amahoro cyangwa kugubwa neza aruko yerekana ko yishimiye umugabo wese ahawe uriwa we wese. Ntabwo aba akizi agaciro kubuzima cyagwa ko ubuzima bwe bufite agaciro.

Niba ari nta muntu uhari ngo aba bana batabarwe, bashobora no GUPFA, kurwara no kugira ibindi.

7

Haracyari ibyiringiro by'abaana n'imiryango.



- (**erekana umuryango kuruhande rwo hejuru ibumoso ahangana mu nguni**) fata kandi ukomeze cyane umuryango wawe. NTABWO ukwiye kohereza abaana ku ishuri cyangwa kukazi N'UNDI muntu wese ngo nuko aguhaye Amafaranga. NTABWO ukwiye kubererezanyana n' umuntu W'UNDI muntu wariwe wese ngo nuko yemeye kumwishyurira itike y' urugendo. NTABWO ukwiye kwemera ko hagira UNDI umuntu utwara ibyangobwa byawe cyangwa iby' umwana wawe.
- (**erekana umugore uvugira kuri telephone**) Iyo ubonye cyangwa wunvise abantu bakuwe mu mago bagatwarwa ku ngufu kandi bagakoreshe imirimo ya gahato UKWIYE KUBIVUGA MU GIHE UBONYE ABABIKORERWA. Abo bantu bafite agaciro, ni ngombwa rero tugira uruhare mu kubarinda. Iyo ubimenye ko batwawe ningombwa ko uhamagara ubuyobozi bubishinzwe, hanyuma nabwo bagashaka uko babakiza.
- Niba warafashwe muri iki kibazo ni byiza ko ushaka ubuyobozi bubishinzwe ahakwegereye. **Ushobora guhamagara iyi nimero** 3512 cg 113 cg 0788311155
- wihuse kugira ngo usabe ubufasha.
- (**erekana iminyururu (amapingo) ifunguye**) iyo umwana abashije gutabarwa cyangwa gutoroka usanga akenshi imiryango yabo itabakiriye ibitewe n' ipfunwe byuburyo abaana babo babahemukiye, rimwe na rimwe usanga umwana yaranarwaye cyane cyangwa asa nabi ku buryo benshi bamwinuba, batamwifuzza.
- (**erekana umuryango ufunguye**) mugufungurira aba baana imiryango n' ingo zacu .Aba baana bashobora kongera gukira ndetse n' uburenganzira bagatangira no gukira ibikomere by' ubuzima banyuzemo.

Imibare igaragazako.

- Abana bacuruzwa buri maseconda 30 (UNICEF)
- Hagaragaye ko abana guhera ku myaka 13 bakunzwe gucuruzwa bagafatwa ku ngufu muri leta zunzubumwe za America. (United States Department of Justice).
- Igurishwa ry' abantu riba mubihugu bingana ni 161 mu bihugu 192 birikwi isi.
- 96% y' abagore bakora umwuga w' uburaya baba bifuzwa uko bacika(babireka) ariko ntibabishobora. (United Labor Organization)
- Icuruzwa ry' abantu ryinjiza Amafaranga angana na miliyari y' amadolari 150 ku mwaka (United Nations)
- Mubihungu bimwe havugwa ko abagabo 70% bagura (batanga amafranga) kubantu bafite(bacuruza) abo baana na bagore ngo bakorane nabo imibonano mpuzabitsina bakayibakorerera kugahato (Victor Malarek;The Johns)
- Abantu barenga miliyoni 45 kwisi nabacakara ,abo bakaba bikubye kabiri umubare wa Abanyafurica bacurujwe igihe cyubucakara (Trans-Atlantic slave trade (Kevin Bales ;Free Slaves)

Imyanzuro yafashwe

Nk' ikigo cyangwa nk' abantu bahagarariye ikigo (As an organization and/or individuals representing the organization)

- Ntabwo tuzigera twerekana amafoto y' amasura y' abana twashoboye kubona bakagaruka mubusima nkabandi.
- Ntabwo tuzigera twerekana cyangwa dusakaza inkuru zerekana abatabawe mu mazina yabo cyangwa aho batuye.
- Ntabwo tuzigera dusakaza inkuru z' abatabawe mu itangazamakuru ryariryo ryose ntaruhushya duhawe nanyirayo cyangwa umurera.
- Tuzatanga amakuru yose nta narimwe tugabanyijeho cyangwa twongereyeho.
- Tuzabanza gushyikiriza inkuru n' amafoto YOSE ku buyobozi bubishinzwe mbere yuko ishyingirwa hanze ku mbugankoranyambaga nka Facebook, Twitter ndetse no mu tangazamakuru.
- Mu gihe habonetse umwe mu bantu bacurujwe(bahohotewe) aho dukorera cyangwa twakoreye tuzafata imyirondoro ye yose (harimo amazina, imyaka, aho atuye, n' ibindi bimuranga). Iyi myirondoro igahabwa ubuyobozi kugira ngo babashe kumufasha uko bikwiye.

Intambwe ikwiye guterwa cyangwa igikwiye gukorwa*

- KUMENYA UKURI
William Wilberforce yigize kuvuga ngo "ushobora guhitamo kwirengagiza ibintu bimwe na bimwe gusa ntago wazigera uvuga ko utigeze ubimenya". Ubwo umaze kwiga ndetse no kumenya ibi, ukwiye kuba uwambere mu kugira ishyamba mu kurwanirira uburenganzira bw' abandi wigisha abo mubana cyangwa muturanye byibura abantu 10 buzi nabindi 10 utazi.
- GUTANGA
Amafaranga ni kimwe mu bintu bituma habaho igurishwa ry' abantu ni nayo mpanvu akenewe kugira ngo tubirwanye. Nawe fatanya n' ibigo bishizwe kurwanya igurishwa ry' abantu witanga mu buryo bw' Amafaranga kugira ngo ushyigikire igikorwa cyabo.
- GUSENGA
Yesu yaje kutubohora ingoyi zose zaari zituboshye. Ni mwi isengesho ryonyine twafatanye nawe mu gusohozwa ubushake n' umugambi w'Imana tugatangira gutsinda umwanzu n' ibikorwa byose harimo guhohotera ,n' icuruzwa , gukoresha uburetwa by' abantu.

* Izi ntambwe zikwiye gukorwa zavanywe kuri Nefarious: The Merchant Souls, Exodus Cry Ministries (www.exoduscry.com).

LOCAL HOTLINE NUMBER: +250788311155

©2018 e3 Partners Ministry / e3 Resources